Maahanmuuttovirasto
Migrationsverket
Finnish Immigration Service

# Ibazwa (enterview) rijyanye n'ikurwaho ry'ubuhungiro

**Watumiwe mu ibazwa (enterview) n'Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka. Soma witonze ayamabwiriza, akubwira ibijyanye n'uburenganzira bwawe ndetse n'inshingano zawe muri iryo bazwa(enterview). Niba hari ikibazo ufite kubijyanye n'ayamabwiriza, icyo kibazo wakibaza umukozi w'ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka muntangiro z'ikiganiro (enterview).**

## Ese ibazwa (enterview) rijyanye n'ikurwaho ry'ubuhungiro ni iki?



- Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka kirateganya kuguraho stati (status) y'ubuhunzi bwawe. Mubutumire bwo kwitaba havuzwemo impamvu ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka yatangiye kwiga kuri icyo kibazo cyawe.
- Muri iryo bazwa (enterview) hazasuzumwa ikibazo cyawe. Uzasobanura mumagambo ibijyanye n'ikibazo cyawe ndetse n'uyoboye ibiganiro azagufasha muburyo bwo kukubaza ibibazo.
- Niba warasabye ibyangombwa byo gutura (resident permit) cyangwa Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka bikaba biteganya guhagarika ibyangombwa byo gutura cyangwa se bikaba biteganywa ko wanakwirukanwa mugihugu, nabyo ibiro ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka bazumva uruhande rwawe.

## Nihehe, niryari ndetse nimubuhe buryo iryo bazwa (enterview) rikorwa?

- Wakiriye ubutumire bwo kuza kubazwa (enterview) bwazanye hamwe nayamabwiriza. Muri ubwo butumire harimo aho ibazwa rizakorerwa, n'igihe rizakorerwa ndetse n'uburyo rizakorwamo.
- Singombwa ko witabira iri bazwa (enterview) mugihe waba ushaka kureka kuba impunzi. Uzamenyeshe ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka vuba bishoboka mugihe waba udakeneye kuza mu ibazwa kandi ukaba ushaka gutakaza stati (status) y'ubuhunzi.
- Ibazwa (enterview) rizaba rifatwa amajwi kandi ubishaka ushobora no gusaba guhabwa kopi y'amajwi yafashwe. Ifatwa ry'amajwi rikorwa kugirango habeho kugenzura ibyaba bidasobanutse neza kandi ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka ntabwo baha ayo majwi abandi bantu.
- Mucyumba cy'ibazwa hashobora no kubamo kamera ifata amashusho.

- Mu ibazwa hakorwa raporo.
- Ibyo uvuga mu ibazwa byose bigirwa ibanga. Ibyo uvuga ntawundi bibwirwa usibye inzego z'ubuyobozi zibifitiye ububasha kandi bafite uburenganzira bwo guhabwa ayomakuru nkuko byemezwa n'itegeko.
- Mubutumire umenyeshwa niba ibazwa rizakorwa hifashishijwe ikoranabuhanga rya video. Ibindi bijyanye n'uko ibiganiro bikorwa hifashishijwe video wabisanga k'urubuga rwa enternete rw'ikigo gishinzwe abinjira nabasohoka **migri.fi/turvapaikanhakijan-asiointi**. Kabone nubwo urubuga rwa enternet rwagenewe abasaba ubuhungiro ariko nabandi bakiriya bakwifashisha amabwiriza ndetse n'ikoreshwa ry'indimi biri kururwo rubuga
- Ntwabo wahindura igihe cy'ibazwa ntampamvu yumvikana. Uramutse urwaye kumunsi wo wagombaga kubazwa, uzahite ubimenyesha ako kanya ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka. Bimenyeshe ukoreshe uburyo bwa imeli (email) butekanye (osoitteesta securemail.migri.fi) kuri imeli (email) puhuttelut@migri.fi. Soma mugihe biri ngombwa ibyerekeranye no kwohereza imeli (email) muburyo butekanye kurubuga **migri.fi/turvapaikanhakijan-asiointi**. Ugomba kumenyesha impamvu isobanutse cyangwa ukohereza ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka inyandiko ya muganga cyangwa uy'umuforomo byihuse cyangwa bitarenze nibura icyumweru kimwe 1 mbere yuko ibazwa rikorwa.
- Mugihe waba utaje mwibazwa (enterview) ntampamvu yumvikana, ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka nubundi bishobora gufata umwanzuro w'ikurwaho ry'ubuhunzi bwawe.

## Nibande baba bari mw'ibazwa (enterview)?

Mu ibazwa (enterview) haza gusa abahawe ubutumire ndetse n'abandi baba babyemeranyijeho n'ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka mbere y'igihe. Mu ibazwa haba harimo umukozi w'Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka ariwe uba uyoboye ibiganiro, hakaba kandi hari n'umusemuzi mugihe biri ngombwa, haba hari umwunganizi, uwatumwe guhagararira umuntu, ukurikirana inyungu z'umuntu ubifitiye uburenganzira (edunvalvoja) ndetse n'umuntu wo kugufasha, mugihe waba warasabye ko nawe yazaba ahari kandi akaba yarahawe uruhushywa n'Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka. Soma birambuye ibijyanye n'inshingano zababa bitabiriye ibiganiro kurubuga rw'ikigo gishinzwe abinjira n'abasohoka **migri.fi/turvapaikanhakijan-asiointi**.

## Ni ubuhe burenganzira mfite migihe cy'ibazwa (enterview)?

- Wemerewe kwifashisha umwunganizi mugihe cy'ibazwa (enterview). Umwunganizi yinjira mubiganiro (enterview) bikurikije ubushake bwe.
- Niwowe ubwawe ugomba kwishakira umwunganizi. Mugihe waba nta mwunganizi wazanye mu ibazwa (enterview), nubundi dukora iryo bazwa (enterview) nta mwunganizi.

- Mubutumire ubwira niba mu ibazwa hazaba hari umusemuzi. Inshingano z'umusobanuzi nugusemura ibivuzwe byose kandi ntaho abogamiye. Umusemuzi ashobora kuba ari aho mucyumba, cyangwa agasobanurira kuri telefone cyangwa kuri video.
- Ari uyoboye ibiganiro (ubaza) ndetse n'abandi bose baba barahongaho ntawemerewe kugira icyo atangariza abandi kubyo yumvishe. Kubyo uzavuga mu ibazwa (enterview) bishobora kugira ingaruka kubagize umuryango wawe muri iyo dosie. Mubintu nkibi nabagize umuryango wawe nabo tubarebaho. Dushobora kandi guhisha amakuru yawe abagize umuryango wawe, mugihe kumenyekana kw'ayo makuru byaguteza ikibazo cyangwa byateza ikibazo abo mumuryango wawe wahafi. Watubwira icyo ubitekerezaho mugihe cy'ibazwa (enterview).
- Inyandiko zikwerekeye ubusanzwe zigirwa ibanga.

## Ni izihe nshingano mfite mugihe cy'ibazwa?

- Ni inshingano zawe ndetse ni ninyungu zawe kuvuga byose birebana n'ikibazo cyawe.
- Ninyungu zawe kandi kuvuga kungingo zikomeye.
- Mugihe waba utavugishije ukuri, bishobora kugira impinduka mbi kuri dosie yawe. Vuba ukuri kandi ntihagire nakimwe usiga cyaba kijyanye n'ikurwaho ry'ubuhunzi.
- Mugihe uyoboye ibiganiro (ubaza) abona haribintu bitariguhura cyangwa bidasobanutse mubyo wavuze, uzahabwa amahirwe yo kugira icyo ubivugaho.
- Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka bibika imyirondoro yawe ndetse nibyo uba wavuze m'ububiko bwabako bwagenewe abanyamahanga akaba ari nububiko bwa leta.
- Guha inzego z'ubuyobozi imyirondoro itariyo cyangwa gutanga amakuru yingenzi atariyo kandi ashyirwa muri sisteme agakoreshwa n'ubuyobozi bigize icyaha kandi gishobora gukurikirwa nigihano. Muri Finland inshingano zo gukuryozwa ibyaha bihera kuwujuje imyaka 15.
- Wibuke ko gutanga amakuru atariyo, cyangwa guhishira amakuru yukuri bishobora kuba byatuma habaho guhagarika ibyangombwa biba byaratanzwe kandi no gutuma nizindi gahunda zirebana nawe zirushaho kugorana.

## Ese nakwitegura nte kujya mu ibazwa (enterview)?

- Itwaze pasiporo, urwandiko rw'inzira rw'impunzi cyangwa pasiporo yagenewe abanyamahanga (muukalaispassi).
- Niba ufite impamvu yumvikana yo gusaba umusemuzi w'igitsinagabo cyangwa w'igitsinagore cyangwa ubushobozi bwawe bw'umubiri cyangwa ubw'imitekerereze bwagira icyo bihindura kw'ibazwa (enterview) ugomba kubimenyesha ikigo gishinzwe abinjira n'abasohoka. Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka bizasuzuma niba impamvu zumvikana. Bimenyeshe ukoreshe uburyo bwa imeli (email) butekanye (osoitteesta securemail.migri.fi) kuri imeli (email)

puhuttelut@migri.fi. Soma mugihe biri ngombwa ibyerekeye no kwohereza imeli (email) muburyo butekanye kurubuga **migri.fi/turvapaikanhakijan-asiointi**.

- Ibazwa (enterview) rishobora gutwara amasaha menshi. Mu ibazwa hagati hazabaho igihe cy'ikiruhuko cyo kurya ndetse byaba nangombwa hashobora gutangwa n'ibindi biruhuko. Ushobora igihe cyose gusaba ikiruhuko. Uzitwaze impamba, amafaranga yo kugura ibyo kurya, ndetse n'imiti ushobora gukoresha uwo munsi.
- Ugomba kuzira kugihe mu ibazwa (entervew). Kuri uru rubuga wahabona ikarita yaho ibiro bishinzwe abingira n'abasohoka bikorera: **migri.fi/yhteystiedot.**

## Nibiki biba mu ibazwa (entervew)?



- Muntangiro, ubaza akubwira ibikubiye mu ibazwa. Ubaza areba ko wamaze kumva neza uburenganzira bwawe ndetse n'inshingano zawe ziri mumabwiriza. Iyo bibaye ngombwa ubaza akubwira ibijyanye n'uburenganzira bwawe ndetse ninshingano zawe. Baza niba haricyo utasobanukiwe.
- Ubaza akubaza niba urikumvikana n'umusemuzi neza. Vuga niba utari kumva umusemuzi.
- Tega neza amatwi amabwiriza wahawe n'ubaza.
- Ubaza azakubaza ibibazo bitandukanye kungingo zitandukanye. Subizanya ukuri. Vuba niba haricyo utazi cyangwa waba utibuka.
- Igihe cy'ibazwa kirahindagurika. Ushobora gusaba akaruhuko igihe icyo aricyo cyose mugihe urikubazwa.
- Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka bizumva ibisobanuro byawe mugihe cy'ibazwa kandi bikaba bigenderwaho mugufata imyanzuro ijyanye na dosie yawe. Urugero, mugihe waba ukekwaho gukora icyaha muri Finland cyangwa warahamijwe icyaha muri Finland, bishobora kugira icyo bihindura kuri dosie yawe mubiro bishinzwe abinjira n'abasohoka. Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka bishobora kuguha amahirwe yo kwisobanura mugihe cy'ibazwa.
- Ubaza azagenzura hamwe nawe inyandiko raporo munshamake cyangwa yose, mugihe Ikigo gishinzwe abinjira nabasohoka kibona ko biringombwa, uzahabwa amatariki y'igihe ugomba kuba wagize ibyo ukosora cyangwa wongeramo. Uzahabwa kopi ya raporo.

- Ushobora gutanga kandi ibyo wasabye gutanga nanyuma y'itariki ntarengwa ariko mbere yuko uhabwa umwanzuro. Ugomba kumenya neza ko ibisobanuro byatanzwe nyuma y'itariki yagenwe harigihe bidashobora kurebwaho mugihe cyo gufata umwanzuro. Ohereza ubusobanuro bwasabwe munyandiko.

## Ese bigenda bite nyuma y'ibazwa?

- Hageragezwa ko ibazwa rigomba kurangirana n'igihe cyatanzwe. Mugihe ibazwa ritarangiye, icyogihe rikomeza gukorwa k'uwundi munsi. Icyo gihe uzahabwa ubundi butumire.
- Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka bizafata umwanzuro ushingiye kubyo wavuze mw'ibazwa, kunyandiko zindi zijyanye na dosie yawe ndetse n'imiterere y'igihugu. Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka bishobora kandi gushakisha amakuru ajyanye n'umwanzuro wawe kumakuru aboneka hanze.
- Bibaye ngombwa Ibiro bishinzwe abinjira nabasohoka bishobora gusaba ibisobanuro kubijyanye n'inyandiko mugihugu cyawe. Ubuyobozi ntibushobora kumenya ibi kandi bikaba bitaguteza ikibazo cyangwa abagize umuryango wawe.
- Mugihe ukuriweho stati (status) y'ubuhunzi, ufite uburenganzira bwoguhabwa ubufasha mugusubizwa mugihugu cyanyu. Guhabwa izo mfashanyo bigira amabwiriza bigenderaho kandi nayo aba agomba gusuzumwa mugihe hasabwa. Reba andi makuru ndetse namakuru y'imyirondoro kubijyanye n'ubujyenama kubyo gusubizwa mugihugu cyawe bikorwa n'ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka k'urubuga:

  **migri.fi/paluu** cyangwa **voluntaryreturn.fi/etusivu.**

- Niba ushaka kujuririra umwanzuro, amabwiriza ajyanye nuko bajurira ari munyandiko irikumwe n'umwanzuro.